AMAKURU
Edition 1: Gashyantare

# KAMONYI

## IGISHUSHANYO MBONERA CY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA CY'AKARERE 2050

IKINYARWANDA

## GUTANGIZA GAHUNDA YO GUTEGURA IBISHUSHANYO MBONERA BY'UTURERE KU RWEGO RW'IGIHUGU

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubutaka National Land Authority (NLA), cyatangije ku mugaragaro ibikorwa byo gukora ibishushanyo mbonera by'uturere 6 ku wa 12 Gashyantare 2023, muri Hoteli Lemigo, mu rwego rwo kwiga no kurebera hamwe ikoreshwa ry'ubutaka rirambye District Land Use Plans (DLUP) cyangwa se ikizwi nk'ibishushanyo mbonera by'Uturere bishimangira kandi byuzuzanya n'igishushanyombonera cy'Igihugu.

Iyo nama yahuje inzego zitandukanye zirimo ba Rwiyemezamirimo n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo guhuriza hamwe intego nyamukuru iganisha ku cyerecyezo gishya cy'igihugu cya 2050.


Ibitekerezo byaranze uriya munsi byari ikimenyetso cyerekana gahunda y'igihugu mu bijyanye n'icyerecyezo cy'u Rwanda kiganisha ku mwaka wa 2050 cyane cyane ibyifuzo biri mu nzira y'iterambere rirambye rishingiye ku byo u Rwanda rwagezeho mu cyerecyezo 2020 giheruka, nk'izamuka ry'ubukungu, kubungabunga ibidukikije, n'imiyoborere myiza ishingiye kuri demokarasi.

Ibyo bikaba ari bimwe mu byateye u Rwanda gufatwa nk'icyitegererezo ku isi n'ubwo rwanyuze mu bihe bibi cyane hafi yo gusenyuka mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 ari nabyo igihugu cyakuyemo urufatiro rwo guhindura amateka yakiranze, bityo igihugu gihabwa umurongo mushya mwiza haba mu gihugu, ndetse no ku rwego mpuzamahanga.



*UBUYOBOZI BUFITE ICYEREKEZO, BWABAYE URUFATIRO RWO GUHINDURA AMATEKA YARANZE IGIHUGU, BITYO GIHABWA UMURONGO MUSHYA MWIZA HABA MU GIHUGU, NDETSE NO KU RWEGO MPUZAMAHANGA*

Nkuko biteganyijwe mu ngamba z'igihugu zo kugera ku iterambere rirambye (NST1), igihugu cyifuza ko hakoreshwa imikoreshereze myiza y'ubutaka nk'imwe mu ngamba zigamije iterambere rirambye hifashishwa impinduramatwara nshyashya.




Ibikorwa bikomeje gukorwa mu turere dutandukanye byerekeranye na gahunda yo gukoresha ubutaka, ni inzira nziza yo gusohoza ibyifuzo bya NST1 ariko kandi, n'izindi gahunda z'iterambere mpuzamahanga nk'intego z'iterambere rirambye (SDGs), n'amasezerano y'i Paris, ku bijyanye n'imihindagurikire y'ikirere.

Ku bufatanye bwa ba Rwiyemezamirimo AJ & Partners na Anil Nagrath and Associates, impuguke mu igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka, hamwe n'inzego zitandukanye, bazakorana n'abantu bamwe na bamwe batandukanye ku giti cyabo cyangwa amatsinda mu Karere ka Kamonyi mu rwego rwo gutanga ibitekerezo n'amakuru y'uburyo bifuza gukoresha ubutaka bw'akarere bagendeye ku byifuzo by'iterambere ry'Igihugu, hibandwa ku ndangagaciro n'ibyifuzo by'abaturage.

# GUTANGIZA GAHUNDA YO GUTEGURA IGISHUSHANYO MBONERA KU RWEGO RW'AKARERE

Ubufatanye hagati ya ba Rwiyemezamirimo, abayobozi bo mu nzego zitandukanye b'akarere n'abajyanama ni bimwe mu byaranze umunsi wa mbere ku byerekeranye n'ibikorwa by'ibanze hategurwa igishushanyombonera kandi bikaba byarabaye imbarutso y'umurava abaturage b'akarere ka Kamonyi bagiye bagaragaza mu kwitabira ibikorwa bitandukanye byari biteganyijwe.

Inama yari iyobowe n'umuyobozi w'akarere Nyakubahwa Dr. Nahayo, Sylvere n'uwari uhagarariye NLA, Bwana Protais Mpayimana kandi yitabiriwe n'abayobozi bose b'inzego z'ibanze kugirango baganirire hamwe ku bijyanye n'intego bifuza hakorwa igishushanyombonera cy'akarere hagamijwe iterambere rirambye.

*"IGISHUSHANYO MBONERA CY'AKARERE KA KAMONYI KIGOMBA GUTEGURWA HASHINGIWE KU BYIFUZO BY'ABATUYE AKARERE" BWANA NAHAYO SYLIVERE, UMUYOBOZI W'AKARERE KA KAMONYI*

Kugeza ubu, Akarere ka Kamonyi kagaragaza ubufatanye n'ubushake mu gutanga ibitekerezo nk'uruhare rw'abo hakorwa igishushanyombonera kibereye ibyifuzo byabo kandi bishimiye.

Nyakubahwa Meya, mu ijambo ritangiza inama yashimiye ubuyobozi bwa NLA kubera guhitamo akarere ka Kamonyi mu turere turimo gukorerwa ibishushanyombonera, anasaba ubufatanye bwa buri wese mu bikorwa byose bizaba bigamije igishushanyombonera kinogeye abaturage anagaragaza ko byari ngombwa

*"IGISHUSHANYO MBONERA CY'AKARERE KA KAMONYI KIGOMBA GUTEGURWA HASHINGIWE KU BYIFUZO BY'ABATUYE AKARERE" BWANA NAHAYO SYLIVERE, UMUYOBOZI W'AKARERE KA KAMONYI*



*"UBUTAKA BUKOMEJE GUKORESHWA NKUKO BIMEZE UBU, BYASABA IGIHUGU KWAGURA IMBIBI INSHURO 4 KUGIRANGO KIBASHE GUTUZA ABATURAGE BATEGANYIJWE MURI 2050" BWANA PROTAIS, MPAYIMANA, IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUTAKA*

bitewe n'ibibazo bya hato na hato byerekeye ikoreshwa ry' ubutaka.

Bwana Protais Mpayimana nawe yaboneyeho umwanya wo kwerekana abajyanama na ba Rwiyemezamirimo bazakoranira hafi n'ubuyobozi bw'akarere anasaba ko hazitabwa cyane ku bibazo bikunda kugaragara mu ikoreshwa ry'ubutaka mu karere ka Kamonyi. Bose bagiye bagaruka ku kamaro k'imikoreshereze y'igishushanyombonera hibandwa ku iterambere ry'igihugu, hanakurikizwa inama ndetse n'indangagaciro z'abaturage.

## UBUTUMWA BWA BAMWE MUBAYOBOZI BAKURU B'AKARERE KA KAMONYI



*"AKARERE GAFITE AMAHIRWE MENSHI AKWIYE KUGATERA IMBARAGA MU IKORESHWA RY'UBUTAKA NK'UMUTUNGO WINGEZI MUKUZAMURA UBUKUNGU" BWANA UZZIEL NIYONGIRA, UMUYOBOZI WUNGIRIJE W'AKARERE*

Kimwe mu byaganiriweho n'abayobozi b'akarere ni uburyo akarere gahagaze muri rusange n'imbogamizi bahura nazo ziterwa n'ikoreshwa ry'ubutaka.

*"GUTEZA IMBERE IMITURIRE BIGAMIJE GUSHISHIKARIZA ABATURAGE GUTURA MURI CITE ZAGENWE MU MUJYI NO MUCARO" UKWISHAKA WILLIUS, DIR. OSC KAMONYI DISTRICT*

Babiri mu bayobozi bakuru b'akarere ka Kamonyi batanze ikiganiro nkuko babibona ni Visi Meya ushinzwe ubukungu n'iterambere Bwana Uzziel Niyongira n'Umuyobozi w'Ikigo cya One Stop Center Ukwishaka Willius Abraham ushinzwe imikoreshereze y'ubutaka mu Karere.

Ibitekerezo bya Visi Meya ku ikoreshwa ry'ubutaka hakurikijwe igishushanyombonera byerekeye ibikorwa biteza imbere ubukungu mu karere hose bigamije iterambere rirambye ry'abaturage. Visi Meya agaragaza ko akarere ka Kamonyi gafite amahirwe menshi yo kwiteza imbere, bityo rero byakabaye bifasha mu mikoreshereze myiza y'ubutaka nk'imwe mu mitungo y'imbarutso mu iterambere.

Nkuko abivuga, kandi ari nako byagiye bigarukwaho n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye, ayo mahirwe agizwe n'ubutaka bwera buberanye n'ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, ahantu heza ho kubakwa imidugudu, kugira amazi ahagije, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ubucuruzi n'ibindi by'ingezi

*"NTABWO UTURERE TWOSE TUZABA DUFITE IBYANYA BYAGENEWE INGANDA. TUMWE NA TUMWE TWATEGANIJWE KUGIRA IBYANYA BISHYA BY'INGANDA MUGIHE UTUNDI TURERE NKA KAMONYI NTA BYANYA BININI BY'INGANDA BYEMEWE, AHUBWO INGANDA ZIKORA IBIKOMOKA KUBUHINZI, UBUKORIKORI, CYANGWA IZINDI NGANDA NTO ZIJYANYE N'AMAHIRWE Y'ISHORAMARI AGARAGARA MU KARERE" NLUDMP 2020-2050*



byafasha mu iterambere biramutse bikoreshejwe neza.

Kuba yarakoreye akanatura mu karere ka Kamonyi mu gihe cy'imyaka irenga cumi n'itanu (15), mbere yikorera ku giti cye, ubu akaba ari mu nzego zifata imyanzuro ku rwego rw'akarere, uburambe afite mu birebana n'ibibazo by'ubukungu, n'ibindi bifitanye isano n'imikoreshereze y'ubutaka n'ingirakamoro mu itegurwa ry'igishushanyombonera cy'akarere ka Kamonyi.

Visi Meya yongeyeho ko ubushake bw'abaturage n'ubufatanye n'inzego z'akarere bizaba ingirakamaro bityo bikaba ingenzi mu rwego rwo kugera ku ntego akarere kaba karihaye harimo n'ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera cy'akarere ka Kamonyi biganisha ku iterambere ridaheza.

Kungurana ibitecyerezo n'Umuyobozi wa One Stop Center

Umuyobozi wa "One Stop Center", Bwana Willius we yagaragaje ko gukorera akarere ka Kamonyi igishushanyombonera bije bikenewe kandi ko atekereza ko mu bintu bizitabwaho cyane harimo kugaragaza no gushyira mu bikorwa ahazajya ibikorwaremezo muri za site z'imiturire ahazubakwa imidugudu.

Bwana Willius avuga ko ibyo byaba ari mu rwego rw'ibizashingirwaho gutuza neza abaturage n'abandi bantu baza bagana akarere bifuza kuhakorera no kuhatura. Willius avuga ko kugeza ubu imibare y'abantu batuye akarere igenda izamuka cyane bityo rero bigasaba gushishoza neza hateganywa site zo guturamo.

*UBUSHAKASHATSI N'UBUSESENGUZI KU MBARAGA N'INTENGE, HAMWE N'AMAHIRWE AKARERE GAFITE. GUHITAMO ICYERECYEZO CY'AKARERE.*

Ikindi yagaragaje ko igihe kigeze ngo akarere gatangire gutekereza k'umuhora w'ubucuruzi uzaba ugizwe n'inyubako ziberanye n'ubucuruzi n'imihanda myiza, mu rwego rwo gukurura urujya n'uruza n'uburyo bwo gutwara abantu hakoreshwa za bisi zizajya zitwara abantu bava hirya no hino baje gushaka amahirwe atandukanye mu karere ka Kamonyi.

Willius avuga ko akarere kagifite ibibazo by'imicungire y'ubutaka nko kutagira abakozi bahagije bakora mu biro bya One Stop Center kugirango ishami ayoboye rikore neza inshingano zaryo batanga serivisi ku babagana bose baba baje gushakisha amahirwe aboneka mu karere ka Kamonyi.



# URUHARE RW'ABATURAGE BINYUZE MU KUNGURANA IBITEKEREZO, INYIGO N'IBITANGAZAMAKURU

Igishushanyombonera nticyashyirwa mu bikorwa abaturage batabigizemo uruhare ruhagije. Imikoreshereze y'ubutaka hakurikijwe igishushanyombonera n'ibintu bifata igihe kirekire, bityo bikanagira ingaruka ku baturage batuye mu karere n'abandi bafatanyabikorwa, harimo n'abashoramari n'izindi nshuti z'akarere.

Hagiye hakusanywa ibitekerezo kuva mu nzobere, abanyamwuga,abafatanyabikorwa, abaturage ndetse n'abayobozi b'akarere mu nzego zose mu gihe cy'itegurwa ry'igishushanyombonera, kandi n'igikorwa kizakomeza kugeza igishushanyombonera cy'akarere kirangiye gutegurwa.

Mu ikusanyamakuru n'ibitekerezo, hakoreshejwe uburyo bunyuranye hifashishijwe urutonde rw'ibibazo, kungurana ibitekerezo mu buryo bweruye, guhanahana amakuru n'ubukangurambaga hifashishijwe imbugankoranyambaga mu rwego rwo kugirango abaturage bagire icyo babivugaho ku bijyanye n'ibibazo bifitanye isano n'imikoreshereze y'ubutaka mu iterambere rirambye.

Ubu buryo butuma ba nyiri butaka barushaho kumenya ibijyanye n'igishushanyombonera, bakanakurikiza neza amabwiriza y'imikoreshereze y'ubutaka.

Rimwe na rimwe iyo hatabayeho uruhare rw'abaturage nabandi bafatanyabikorwa hakunda kugaragara ibibazo bijyanye no kugena igishushanyombonera gihabanye n'ukuri bityo bikagorana kugishyira mu bikorwa. Ariko iyo igikorwa cyitabiriwe n'abaturage bakacyigiramo uruhare ruhagije bigabanya urwicyekwe kuko haba hubahirijwe inyungu zabo ni z'igihugu ku birebana n'imikoreshereze y'ubutaka mu mishinga iba yarateganyijwe mu kuzamura imibereho myiza n'iterambere.

Rero, mu rwego rwo kugera ku byo akarere kaba karateganyije, abaturage bagomba kumenya ko aribo bari ku isonga mu ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera, hamwe












n'abafatanyabikorwa batandukanye nka Leta, abashoramari, n'abandi.

# IGIKORWA CYO GUSURA NO KUGENDERERA AGACE K'UMUJYI MURI KAMONYI



Nubwo hari ubuzobere n'ubunararibonye biranga ba Rwiyemezamirimo mu bijyanye n'igishushanyombonera, ntawavuga ko azi ibice byose bigize Akarere cyane cyane ibice bigize umujyi hakorerwa ibintu byinshi bitandukanye. Akaba ari muri urwo rwego habayeho gahunda yo gusura ibice bikorerwamo ibikorwa bitandukanye kugirango harebwe imiterere y'ubutaka no kurebera hamwe uburyo ibyo bice byarushaho gutunganywa neza kugirango bitange umusaruro nyawo.

Gusura ibice by'Umujyi byakozwe kubufatanye n'abakozi b'akarere, hasurwa ahantu hatandukanye mu rwego rwo kugirango hamenyekane imiterere y'akarere, urugero nk'ubutaka bufatanye n'uruzi rwa Nyabarongo n'bishanga birukikije, imidugudu mishya imaze guturwa, n'ibindi bikorwa rusange.

Icyitonderwa, nuko akarere ka Kamonyi ari kamwe mu turere duke dufite amahirwe menshi y'ibikorwa by'ubukungu cyane cyane mu rwego rw'ubucuruzi,inganda, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, n'ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworoizi . Aya mahirwe azatuma akarere ka Kamonyi gatera imbere, hifashishwa igishushanyombonera mu rwego rwo kugera ku cyerecyezo 2050.





com
3RD FLOOR,
NEXT TO RRA REMERA
https://twitter.com/DlupKamonyi/
kamonyi.dlup@gmail.com